**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**

**UBUTUMWA BWA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU ISOZWA RY'ICYUMWERU CYAHARIWE IBIKORWA BY'ABUNZI**

**Bumbogo, Gasabo 03 Ukuboza 2019**

Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo;

Bayobozi batandukanye bo muri aka Karere ka Gasabo;

Abunzi b'Utugari n'Umurenge wa Bumbogo;

Baturage mwitaribiriye Inteko z'Abaturage uyu munsi;

Ndabasuhuje;

- Urwego rw'Abunzi, ni imwe mu nzira zikomoka mu mwihariko w'abanyarwanda wo gukemura amakimbirane, iyo nzira ikaba igamije kwegereza ubutabera abaturage kandi babigizemo uruhare. Ni urubuga rwo gusuzumira hamwe ibibazo byugarije imibanire yacu kugira ngo n'umuti wabyo uturuke mu baturage babifashijwemo n'Abunzi.

- Urwego rw'Abunzi ni kimwe mu bisobanuro by'imiyoborere myiza irangwa no gukemura amakimbirane, ibyo kandi bigakorwa mu buryo bwo kumvikanisha abafitanye ikibazo, kugira ngo bakomeze kubungabunga ubuvandimwe bari basanganywe.

- Mu mibereho yacu ntitujya tubura ibyo tutumvikanaho n'abo tubana, abaturanyi n'abandi, ariko dufite ubwenge bwo guhitamo kujya mu makimbirane cyangwa kuyareka.

- Kuguma mu makimbirane atarangira bitera ubukene, umwiryane, inzigo n'ibindi. Bigira kandi ingaruka ku miryango, abaturanyi n'Igihugu kuko imbaraga nyinshi zigendera ku kuzamura imibereho y'abahisemo kwiruka inyuma y'imanza zidashira. Dukwiye kujijuka tukirinda ibibazo n'abavandimwe cyangwa abaturanyi bidutesha igihe. Byaba bibayeho kandi tukihutira kubikemurira muri gahunda zitandukanye Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu bwadushyiriyeho, nk'Inteko z'abaturage, umugoroba w'ababyeyi, Abunzi n'izindi, ibibazo bikomeye bisaba inzobere mu mategeko akaba aribyo dushyikiriza inkiko.

- Muri iki gihe twitegura kwizihiza isabukuru y'imyaka cumi n'itanu Komite z'Abunzi zimaze zitanga umusanzu mu gukemura amakimbirane, turishimira cyane uruhare rwabo mu kubanisha abanyarwanda mu mahoro.

- Icyumweru cyahariwe ibikorwa by'Abunzi dusoza none twagihaye insanganyamatsiko igira iti: ***Dushyigikire uburyo bwo gukemura amakimbirane mu mahoro, twubaka u Rwanda twifuza.*** Ni umwanya wo kubwira Abunzi ko tubashyigikiye mu bikorwa byiza bakoze kandi twizeye ko bigikomeza kuko tukibashyigikiye no muri manda izakurikiraho dore ko mu mwaka utaha wa 2020 bazaba barangije manda yabo y'imyaka itanu, ariko Itegeko rikaba ribemerera gutorerwa manda zose bifuza, mu gihe bakiyumvamo imbaraga n'ubushake bwo gukorera Igihugu;

- Turasabwa rero gushyigikira imirimo myiza Abunzi badukorera nk'abanyarwanda, tukabagirira icyizere, abakora amakosa ntitubahishire kuko aritwe bangiriza. Ibyemezo bafashe bikatunyura tubishyire mu bikorwa nta gahato, ibyo tubona ko biturenganya abe aribyo byonyine dushyikiriza inkiko.

Twese hamwe dushyigikire ubu buryo twihitiyemo bwo kwikemurira amakimbirane tubifashijwemo n'Abunzi, twubake u Rwanda twifuza.

Murakoze, mugire umugoroba mwiza